



Tube umuryango utumanaho

Igitabo cy'amahugurwa y'ikoreshwa rya interineti kuri telefoni

Imfashanyigisho yo guhugura abantu ku gukoresha interineti kuri telefoni mu Rwanda





Isomo Iriburiri

rya 1- ro



Ihugwu


Riram



irwa
buye

Intego z'isomo

- Kumva icyo isomo rigamije no kumenya abari mu ishuri
- Gutuma habaho umwuka mwiza, ku buryo abahugurwa bumva bisanzuye, biyizeye kandi bafite ubushake bwo kwiga uko interineti ikoresheya kuri telefoni no kumenya amategeko agenga isomo.
- Kumva ibyiza byo kumenya interineti mu buzima bwabo.




Igihe rimara:

Iminota 45-60

Inama: Paji itangira ya interineti igomba kuba ari ishakiro ry'amashusho rya Google ryerekana ahantu hazwi cyane mu gihugu (urugero: Gare ya Nyabugogo). Ibi bituma abahugurwa babona ikintu kinejeje kandi giteye amatsiko ku nshuro ya mbere baba bagiye kuri interineti.

Kugirango ushyireho iyo paji, fungura mushakisharubuga yawe uje ku rubuga ushaka kugira paji y'ibanze. Fungura mushakisharubuga maze ukande ahanditse 'settings', uhitemo ahanditse 'current page' nka paji y'ibanze.


Ibikoresho uzakenera:




Telefoni zo mu bwoko bwa smartphone



Impapuro ziriho amasura y'abantu



Impapuro zikase zifite ishusho y'ibimenyetso byo muri telefoni



Amakaramu, impapuro, impapuro zimata n'umupira wo gukina



Impapuro zo gutanga ziriho ibisobanuro



Amategeko y'isomo



Ibihembo byoroheje


Tangiza udukino dushimishije



Uko umukino w'ibanze ukinwa

- Fata umupira muto mu biganza byawe maze ubwire abandi muri make uwo uri we, akazi ukora n'impamvu uri kumwe nabo muri aka kanya.
- Jugunyira umupira umwe mu bahugurwa maze umusabe guhaguruka akibwira abandi. Narangiza, umusabe kujugunyira umupira umukurikiye.
- Umukino urangira ari uko buri wese mu bari aho yafashe umupira akivuga.

→ Tangira ihugurwa




Sobanura intego y'ihugurwa

“Turi hano kugirango twige uko bakoresha interineti kuri telefoni: icyo aricyo, uko ikoreshwa n'akamaro kayo.”

- **Baganirize** ku mategeko agenga isomo
- **Sobanura** ibikubiye mu ihugurwa. Urugero: Uko bakoresha WhatsApp, YouTube, Google n'akamaro ka buri kimwe muri byo.
- **Sobanura** “Mugiye kwigishwa uko interineti ikoreshwa kuri telefoni za smartphones”
- **Sobanura** inshingano z'abahugurwa: “Nk'abahugurwa, turi hano kugirango tubafashe kwiga kandi tubabe hafi”
- **Sobanura** “Uyu muni ni uwanyu! Nta bibazo cyangwa ibisubizo byiza cyangwa bibi bibaho. Iki si ikizamini, turi hano ngo tubafashe kwiga!”

Shyiraho amatsinda mato



Gabanya abahugurwa mu dutsinda duto (Itsinda rimwe ntirirenze abantu 6):

Ca umurungo hagati mu ishuri, maze ukore ibice 3 kuri uwo murungo:

Ntekereza ko gukoresha interineti kuri telefone yanjye byoroshye

Nigeze gukoresha interineti kuri telefoni yanjye ariko sindabimenya neza

Nta na rimwe ndakoresha interineti kuri telefoni yanjye

- **Saba** abahugurwa guhagarara mu gice cy'umurungo kijyanye n'ubushobozi bwabo mu gukoresha interineti kuri telefoni.
- **Shyira abahugurwa mu matsinda** y'abantu batarenze 6 ukurikije aho bahisemo guhagarara- Buri wese mu bahugura akorana n'itsinda rimwe.
- Sobanura ko ayo matsinda ariyo bari bukoreremo mu gihe cyose cy'ihugurwa.

Inama: Ni ngombwa cyane ko abahuguwa baba bari ku rwego rumwe rw'ubumenyi n'abo bari kumwe mu itsinda, kugirango bumve biyizeye kandi bisanzuye. Ubishatse wahindurira itsinda uhugurwa igihe ihugurwa ryatangiye niba bigaragaye ko atari ku rwego rumwe n'abo bashyizwe mu itsinda rimwe.

Kwibwirana mu matsinda mato:

- **Saba** buri wese kubwira abo bari kumwe izina rye/aho uturuka/ n'ibyo akora cyangwa akunda
- **Saba** abahugurwa kwandika amazina ku mpapuro zimata bazifatishe ku gituzo cyabo
- **Ganira n'abahugurwa ku byo bateze ku ihugurwa.** Baza uti "Murifuza kwiga iki?"
- **Andika** ibyifuzo bya buri wese ku rupapuro maze urumanike ku rukuta.

Sobanura akamaro ka interineti

Babwire ko uhugura agiye kubaza ibibazo noneho ushaka gusubiza akazajya azamura ukuboko.

- “Muri mwe, ni nde wigeze gukoresha interineti kuri telefoni?”
- “Ni nde wahaguruka akatubwira icyo interineti ari cyo?”

- **Sobanura icyo interineti ari cyo n’aho ituruka**

- **Sobanura:** “Isosiyete y’itumanaho ukorana nayo ishobora kuguhuza na interineti binyuze kuri telefoni yawe igendanwa.”



Erekana igishushanyo cya interineti

- **Sobanura:** “Interineti ni umurungo utuma mudasobwa na zimwe muri telefoni zigendanwa zohereza zikanakira amakuru hirya no hino ku isi. Ni nk’isomero rinini ry’amakuru abantu bo hirya no hino ku isi bashobora kwinjiramo, gukoresha no kongeramo amakuru.”



Erekana igishushanyo cy’umuntu

Ibi bishushanyo bigufasha gusobanurira abahugurwa icyo umuntu ashobora gukoresha interineti.

- **Sobanura** “Interineti ishobora kugufasha guteza imbere ubucuruzi bwawe, kwiyungura ubumenyi, kwita ku muryango n’inshuti, n’ibindi byinshi!”

Sobanura akamaro ka interineti

Shyira ahagaragara ibyiza bya interineti!

Tanga ubuhamya bwawe werekana uburyo interineti ari ingirakamaro kuri wowe uhugura, ku nshuti n’umuryango wawe, ndetse no ku ho utuye. Ingero:

- Gusabana n’abantu kuri WhatsApp- kumenya amakuru y’inshuti n’imiryango, kwamamaza ibikorwa byawe ku bo muvugana, n’ibindi.
- Kwidagadura kuri YouTube no kwiyungura ubumenyi. Urugero: Kwiga uko babyina, uko bateka, gukanika igare n’ibindi.
- Kubona amakuru y’ingirakamaro kuri Google agufasha mu buzima, mu myigire yawe, mu bucuruzi, n’ahandi.

Huza interineti n’ubuzima bw’abo uhugura

- Ganira n’abo uhugura ku buryo interineti ishobora kubafasha:
- **Baza:** “Ni iki wakwiga gukoresha kuri interineti kikazagufasha mu buzima?” nurangiza ubahe ibitekerezo.
- **Baza:** “Ni iki wifuza cyangwa ufitiye amatsiko yo kwiga?”

Inama: Huza ibiganiro n’ibikorwa by’ihugurwa n’icyo interineti yabafasha cyangwa yabamarira mu buzima bwabo. Ibi bituma ihugurwa ribagirira akamaro bakanarushaho kurikunda.

Tanga telefoni



Bahe telefoni (ukore ku buryo abantu batarenga 3 kuri telefoni imwe)

- **Erekana** uko bakanda ku biri muri telefoni, uko basunikira ibintu iburyo cyangwa ibumoso kuri telefoni, uko bagura (zoom) ibiri kuri telefoni (batandukanya intoki 2 ku kirahuri cya telefoni)
- **Saba** abahugurwa kwakuranwa gufata telefoni, unabasabe kuyikinisha no kugerageza gukanda, gusunika no kwagura.
- **Saba** uhugurwa gukanda ku bimenyetso biri muri telefoni kugirango arebe uko bigenda.



Inama: Ereka abahugurwa batamenyereye cyangwa batisanzuye mu gukoresha telefoni aho ikirango cya 'kamera' gihereye maze ubasabe gufata amafoto bakoresheje telefoni. Ibi bibafasha kwishimisha no kumenyera gukora kuri telefoni.

Saba abahugurwa gufata ifoto y'itsinda (selifi y'itsinda!) bakoresheje telefoni

- **Saba** abahugurwa kwereka uhugura na bagenzi babo iyo foto
- **Ganira n'abahugurwa ku byo bari kubona kuri telefoni**
- **Baza uti** "Ni hehe wabonera igipimo cy'umuriro usigayemo?"
- **Baza uti** "Ni hehe herekana ko telefoni iri ku murongo?"
- **Ganira n'abari mu itsinda uhugura impamvu iyo telefoni yitwa 'smartphone'**
- **Babaze uti** "Ni iki gituma yitwa ko ari smart?"

Inama: Genera abo uhugura igihe gihagije cyo gucukumbura no kumenyera telefoni.

Igikorwa: Umukino wo kwerekana ibimenyetso



- **Zamura** buri kimenyetso cya telefoni
- **Baza** uti “Iki kimenyetso giherereye he kuri telefoni? Gisobanura iki?”
- **Sobanurira** abahugurwa buri kimenyetso, niba bakeneye ubufasha
- **Tanga ibihembo byoroheje** (urugero: bombo) ku batanga ibisubizo byiza, maze umanike ibimenyetso ku rukuta kugirango abahugurwa baze kwibuka ibyo aribyo.


Igikorwa: Kugera kuri interineti



- **Saba** abahugurwa kureba kuri telefoni zabo ahari ikirango cya interineti giteye nk'umupira, maze ubasabe kugikandaho (Interineti irafunguka hagaragare urubuga wari wateganyije mbere- reba ibisobanuro birambuye kuri paji 20). Ugomba kumenya ko telefoni zitandukanye ziba zifite mushakisharubuga zitandukanye (reba hepfo kuri iyi paji)
- **Sobanura uti** “Ubu rero mwageze kuri interineti! Murabona ko byoroshye! Nuko nuko!”
- **Ha abahugurwa igihe gihagije** cyo gucukumbura no kuganira ku byo bari kubona.

Inama: Hari 'mushakisharubuga' nyinshi zitandukanye zikoreshwa mu kugera kuri interineti. Zimwe mu zimenyerewe cyane ziragaragara hasi kuri iyi paji. Bitewe na telefoni ukoresha, ushobora gukoresha imwe muri izi mu mwanya w'iyerekanywe haruguru.





**Impapuro zicapye,
ibishushanyo
bikase n'impapuro
z'amakuru**


Amategeko y'isomo:

Aha hantu:



Haratekanye:

Amakuru yose areba iri hugurwa ni ibanga. Irinde guha abo muri kumwe mu itsinda imibare bwite yawe.



Ni rusange:

Aha hari abantu bafite amateka, ubumenyi n'ibitekerezo bitandukanye. Aha ni urubuga rusange, ubaha kandi ufashe buri wese.



Urubuga rufunguye:

Usabwe kurangwa no kubaha no gutanga ibitekerezo n'ibiganiro byubaka. Nta bisubizo byiza cyangwa bibi bihari kandi nturi mu ibazwa.



Hari ubutabera

Turakorera mu matsinda mato, aho turi bubahe amatelefoni. Turifuza guha buri wese amahirwe angana yo kumvwa no kwakuranwa mu gukoresha telefoni.

Inama zoroshye ku mutekano wo kuri interineti



**'Zitira' cyangwa
wirengagize abantu
utazi,
cyangwa bakubuza
amahoro**



**Komera ku makuru
bwite yawe**



**Bwira umuntu uzi kandi
wizeye niba wumva
ufite amakenga ku kintu
cyakubayeho cyangwa
wabonye**



**Rangwa
n'ikinyabupfura
no kubaha abandi**

Ibisobanuro by'amagambo

Abahugura bashobora kugira icyo bongera kuri iki gice cyerekeye ikoresha rya interineti kuri telefoni

2G / 3G / 4G

Igiye uyikoresha, interineti ishobora kugenda ku mivuduko itandukanye. Interineti ya 2G niyo igenda gahoro cyane, 3G irihuta kurushaho, mu gihe 4G ariyo yihuta cyane.

App



App (Apulikasiyo) iguha inzira y'ubusamo ituma ugera kuri serivisi za interineti nka WhatsApp, YouTube, na Google ukoresheje telefoni yawe. Apps ziguha uburyo bwihuse kandi bworoshye bwo kugera kuri interineti ukabasha gukoresha izo serivisi.

Umwanya w'aderesi

www.india.in

Umwanya w'aderesi ukwerekana urubuga uriho. Mu mwanya w'aderesi haba hariho aderesi y'urubuga. Urugero: www.google.rw

Ad (Kwamamaza)



Ad ni urusobe rw'amakuru agamije kugukangurira kugura ikintu. Biba byiza iyo udakanze kuri ayo matangazo.

- Ad ishobora kuba amashusho cyangwa amafoto agaragara kuri telefoni yawe.
- Ad kandi ishobora kuba aderesi ziri ku ruhande rw'iburyo hejuru y'ibisubizo bya Google.

Mushakisha-rubuga



Mushakisharubuga cyangwa browser ni igikoresho kifashishwa mu kugera ku mbuga. Muri mushakisharubuga zizwi cyane harimo:



Google Chrome



Mozilla Firefox



Opera



Microsoft Internet Explorer

Inite



Igihe cyose ukoresha interineti kuri telefoni yawe, uba ukoresha inite. Ushobora kugura inite za murandasi ku mucuruzi wa serivisi za telefoni, nk'uko ugura inite za telefoni.

Telefoni isanzwe:



Ni telefoni ifite ubushobozi bwo kugera kuri interineti, kubika no gukina umuziki ariko ikaba idafite ubushobozi buhanitse nk'ubwa smartphone.t



Ni serivisi ifasha mu gushaka amakuru kuri interineti.

Ibisobanuro by'amagambo

Abahugura bashobora kugira icyo bongera kuri iki gice cyerekeye ikoresha rya interineti kuri telefoni

Interineti



Ni isangano rya mudasobwa nyinshi zo ku isi yose zihujwe n'imirongo ya telefoni, ibyogajuru cyangwa intsinga. Interineti igufasha kugera ku makuru na serivisi zitandukanye kandi ihora yaguka buri gihe. Interineti ni iya buri wese. Ntawe ubujijwe kuyikoresha. Icyo ukeneye ni mudasobwa nini, intoya cyangwa telefoni igendanwa hamwe n'umurongo wa murandasi.

Muhuza:



Muhuza ituma uva ku rubuga ujya ku rundi. Kugirango ugere ku rundi rubuga, ukanda kuri muhuza igahita ikujyanayo.

Megabytes na Gigabytes

Megabytes (MB) na Gigabytes (GB) ni ibipimo bya inite za murandasi ukoresha icyo uri kuri interineti. GB imwe ihwanye na MB igihumbi. Iyo ukura cyangwa ukina indirimbo kuri interineti, ukoresha MB zikabakaba eshanu (ni ukuvuga hafi MB imwe ku munota).

Ishakisha



Ishakisha rigufasha kugera ku cyo ushaka. Wandika amagambo yerekeye icyo ushaka mu mwanya wagenewe gushakisha maze ukabona urutonde rw'ibisubizo.

Smart phone



Ni telefoni ifite ubushobozi bwo gukoresha interineti, kubika no gukina umuziki n'amashusho, no gukoresha app. Izi telefoni akenshi ziba zifite idirishya bakandaho (touchscreen).

You Tube

YouTube ni serivisi ya interineti yoroshya gushakisha, kureba no kumva amashusho ayega (yonyine) kuri interineti.

Urubuga rwa interineti

Amakuru kuri interineti abikwa ku mbuga za interineti zitandukanye. Hari imbuga za interineti nyinshi kandi zitandukanye. Urugero: Google ni urubuga, YouTube nayo ni urubuga.



WhatsApp


Ni serivisi ya interineti ifasha gusabana no gutumanaho n'abantu uzi nk'umuryango, inshuti n'abo mukorana cyangwa mwigana.

Agace ka WiFi




Ni ahantu udasabwa gukoresha inite zawe kugirango ubone interineti kuri telefoni yawe; ushobora kugera kuri interineti ku buntu. Uduce twa Wi-Fi tuboneka ahantu rusange hahurirwa n'abantu benshi nko mu tubari cyangwa urunywero rwa kawa.

Ubumenyi bw'ibanze kuri interineti



Ikiguzi cya interineti





YouTube

Google WhatsApp









CERTIFICATE


Has completed
BASIC MOBILE INTERNET SKILLS
training



Date



Signed



CERTIFICATE

Has completed
BASIC MOBILE INTERNET SKILLS
training



Date

Signed